REPUBURIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

# RAPORO Y'AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA YO KU WA 03-04 KANAMA 2017

*Kigali, Nzeri 2017*

**ISHAKIRO**

**IJAMBO RY'IBANZE......................................................................4**
**1. IRIBURIRO..............................................................................6**
**2. IBYAKOZWE MU MYITEGURO Y' AMATORA........................7**
**2.1. Gutegura gahunda y'amatora no kuyimenyekanisha................7**
**2.2. Gutegura no gushaka ingengo y'imari y'amatora.....................9**
**2.3. Gutegura amabwiriza agenga itora........................................10**
**2.4. Kuvugururura ilisiti y'itora......................................................10**
**2.5. Kugena no gushaka ibikoresho by'amatora............................13**
2.5.1. Ibikoresho byari bikenewe.............................................13
2.5.2. Ibikoresho by'ingenzi byari mu bubiko..........................14
2.5.3. Ibikoresho byaguzwe....................................................**16**
**2.6. Gutegura no gutanga Inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora....................................................18**
2.6.1. Imfashanyigisho zateguwe zijyanye n'amatora................18
2.6.2. Abahawe amahugurwa n'ibiganiro ku matora.............................................................19
2.6.3. Uburyo bwakoreshejwe mu gutanga Uburere Mboneragihugu kumatora.....................................................20
**2.7. Gukorana inama n'Abafatanyabikorwa...................................21**
**2.8. Gushyiraho no guhugura Abakozi n'Abakorerabushake b'amatora.............................................22**
**2.9. Kumenyekanisha no gushishikariza Abanyarwanda ibikorwa by'amatora.............................................................25**
**2.10. Gutumira, kwemeza no kwakira Indorerezi..........................26**
**2.10.1 Gutumira indorerezi.............................................................27**
**2.10.2 Kwemeza no kwakira indorerezi..........................................27**
**2.11. Kwakira no kwemeza Kandidatire.........................................31**
2.11.1. Kwakira kandidatire....................................................31
2.11.2. Kwemeza kandidatire...................................................32
**2.12. Gukurikirina igikorwa cyo kwiyamamaza kw'Abakandida..33**
**2.13. Kugena, kumenyekanisha no gutegura ahatorewe................35**
**2.14. Kugeza ibikoresho by'amatora ahatorewe.............................36**
**3. IMIGENDEKERE Y'AMATORA NYIRIZINA N'IBYAYAVUYEMO........................................................................39**

3.1. Gutangiza itora no kuyobora amatora nyirizina......................39
3.2. Ubwitabire mu matora..........................................................41
3.3. Amajwi Abakandida babonye................................................43
**4. IKIGERERANYO CY'IBIPIMO BY'AMATORA MU 2010 NO MU 2017..........................................................43**
**5. IBYARANZE AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBULIKA..........................................................................47**
5.1. Ibyiza byaranze amatora.......................................................47
5.1.1. Mu myiteguro y'amatora................................................48
5.1.2. Mu matora nyirizina......................................................48
5.1.3. Nyuma y'amatora..........................................................49
5.2. Imbogamizi zagaragaye mu matora......................................49
**6. INGAMBA ZANOZA AMATORA ARI IMBERE......................50**
**7. UMUSOZO...................................................................................51**

**IJAMBO RY'IBANZE**

Hashingiwe ku ngingo ya 2, iya 10 n'iya 139 z'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015;

Nk'uko biteganywa n'Itegeko N° 31/2005 ryo ku wa 24/12/2005 rigena imiterere n'imikorere bya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Bigateganywa kandi n'Itegeko N° 27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ifite inshingano yo gutegura no kuyobora mu bwigenge amatora y'Inzego z'Ibanze, ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi, aya Perezida wa Repubulika, aya Referandumu n'andi matora Itegeko ryayigenera.

Ni muri urwo rwego Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye, inayobora amatora ya Perezida wa Repubulika yakozwe tariki ya 03 Kanama mu mahanga (Diaspora) na 04 Kanama 2017 mu Gihugu. Ayo matora akaba yarabanjirijwe n'ibikorwa byo kwiyamamaza kw'Abakandida bari bemejwe burundu na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku wa 07 Nyakanga 2017, akarangira Nyakubahwa KAGAME Paul ariwe utsindiye kuyobora u Rwanda muri manda y'imyaka irindwi (7) iri imbere.

Mu myiteguro no mu miyoborere y'ayo matora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakoresheje ingengo y'imari yatanzwe na Guverinoma y'u Rwanda. Komisiyo yateguye kandi inayobora ayo matora mu bufatanye n'inzego za Leta zinyuranye, abaturage n'abandi bafatanyabikorwa batandukanye.
Ayo matora yaranzwe n'umucyo, ubwisanzure, ituze n'umutekano bisesuye ndetse n'ubwitabire bw'abatora bushimishije. Ibyo bikaba bigaragaza intambwe ishimishije u Rwanda rumaze gutera muri Demokarasi n'Imiyoborere myiza.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashimira buri wese uruhare yagize muri ayo matora ya Perezida wa Repubulika. Iboneyeho kandi umwanya wo gusaba Abanyarwanda gukomeza guteza imbere umuco wo gukunda Igihugu bitorera Abayobozi mu mucyo no mu bwisanzure.

**Bikorewe i Kigali, 08 Nzeri 2017.**

**Prof. KALISA MBANDA,**
**Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.**

## 1. IRIBURIRO

U Rwanda rukomeje gutera intambwe ishimishije mu nzira rwiyemeje yo kubaka Igihugu aho imiyoborere ishingiye ku mahame ya Demokarasi binyuze mu matora. Ni muri urwo rwego Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi iyobora amatora ya Perezida wa Repubulika mu 2017 hakozwe ibi bikurikira:

1) Gutegura gahunda y'amatora no kuyimenyekanisha;
2) Gutegura no gushaka ingengo y'imari y'amatora;
3) Gutegura Amabwiriza agenga amatora ya Perezida wa Repubulika mu 2017;
4) Kuvugururura ilisiti y'itora;
5) Kugena no gushaka ibikoresho by'amatora;
6) Gutegura no gutanga inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora;
7) Gukorana inama n'Abafatanyabikorwa;
8) Gushyiraho no guhugura Abakozi n'Abakorerabushake b'amatora;
9) Kumenyesha no gushishikariza Abanyarwanda ibikorwa by'amatora;
10) Gutumira, kwemeza no kwakira Indorerezi z'amatora;
11) Kwakira, gusuzuma no kwemeza Kandidatire;
12) Gukurikirana igikorwa cyo kwiyamamaza kw'Abakandida;
13) Kugena, kumenyekanisha no gutegura ahatorerwa;
14) Kugeza ibikoresho by'amatora ahatorerwa;
15) Kuyobora amatora no gutangaza ibyayavuyemo.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yageze kuri ibi bikorwa byose ku bufatanye bw'Inzego zitandukanye za Leta n'Abafatanyabikorwa banyuranye, hubahirijwe amategeko n'ingengabihe y'amatora yateguwe.

## 2. IBYAKOZWE MU MYITEGURO Y' AMATORA

Mu gutegura amatora ya Perezida wa Repubulika, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakoze ibikorwa binyuranye birimo iby'ingenzi bikurikira.

### 2.1. Gutegura gahunda y'amatora no kuyimenyekanisha


Nyuma y'itangazwa ry'Iteka rya Perezida No 002/01 ryo ku wa 16/01/2017 rigena umunsi w'itora n'igihe cyo kwiyamamaza mu itora rya Perezida wa Repubulika, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye umushinga wa gahunda y'amatora ya Perezida wa Repubulika, urasuzumwa kandi wemezwa n'Inama y'Abaminisitiri. Imbonerahamwe ya mbere irerekana iyo gahunda y'amatora.

**Imbonerahamwe ya mbere: Gahunda y'Amatora ya Perezida wa Repubulika**

| Nº | IGIKORWA | IGIHE KIZAKORERWA |
|---|---|---|
| 1. | Gutegura no gushaka Ingengo y'Imari y'Amatora | Ukwakira - Ukuboza 2016 |
| 2. | Kugena no gushaka ibikoresho by'Amatora | Gashyantare - Nyakanga 2017 |
| 3. | Kuvugurura ilisiti y'itora mu Rwanda no mu mahanga (Icyiciro A) | Ugushyingo - Ukuboza 2016 |
| 4. | Kuvugurura ilisiti y'itora y'agateganyo (Icyiciro B) | Gicurasi - Nyakanga 2017 |
| 5. | Gutanga Amakarita y'Itora | Gicurasi - 03 Kanama 2017 |
| 6. | Gutangaza ilisiti y'itora y'agateganyo | Bitarenze 3 Kamena 2017 |
| 7. | Gutangaza ilisiti y'itora ntakuka | Bitarenze 20 Nyakanga 2017 |
| 8. | Kugena, no gushyiraho abazayobora amatora | Kamena 2017 |
| 9. | Amahugurwa ku nyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora | Nzeri 2016 - Nyakanga 2017 |
| 10. | Gutangaza Umunsi w'Itora binyuze mu Iteka rya Perezida | Bitarenze Ugushyingo 2016 |

| Nº | IGIKORWA | IGIHE KIZAKORERWA |
|---|---|---|
| 11. | Ibiganiro n'Inama ku matora | Gashyantare - Nyakanga 2017 |
| 12. | Kwakira kandidatire ku mwanya wa Perezida wa Repubulika 2017 | 12-23/06/2017 |
| 13. | Gutangaza kandidatire zemejwe by'agateganyo | 27/06/2017 |
| 14. | Gutangaza ilisiti ntakuka y'Abakandida bemejwe | 07/07/2017 |
| 15. | Kwiyamamaza kw'Abakandida | 14/07-03/08/2017 |
| 16. | Gutumira no kwakira Indorerezi z'amatora | 02/05- 03/08/2017 |
| 17. | Kwemeza ahazatorerwa, kuhamenyekanisha no kuhategura | 15/06-03/08/2017 |
| 18. | Amatora ya Perezida wa Repubulika ku baba mu Mahanga | 03/08/2017 |
| | Amatora ya Perezida wa Repubulika mu Rwanda | 04/08/2017 |
| 19. | Gutangaza by'agategenyo ibyavuye mu matora ya Perezida | Bitarenze tariki 09/08/2017 |
| | Gutangaza burundu ibyavuye mu matora ya Perezida wa Repubulika | Bitarenze tariki 16/08/2017 |
| | Gutegura no gutanga raporo y'amatora | Bitarenze tariki 16/09/2017 |

Nyuma yo kwemezwa, iyo gahunda yamenyeshejwe Abafatanyabikorwa batandukanye n'Abanyarwanda bose muri rusange, kugira ngo batangire kwitegura ibikorwa by'amatora.



## 2.2. Gutegura no gushaka ingengo y'imari y'amatora

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye ingengo y'imari yari ikenewe mu gutegura no kuyobora amatora, ingana na 5,794,277,312 Frw. Ku ngengo y'imari yakoreshejwe mu matora, Leta y'u Rwanda yatanze amafaranga angana na 5,241,652,424 Frw, bingana na 90.5% by'ingengo y'imari yakoreshejwe mu matora ya Perezida wa Repubulika.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yunganiwe n'inkunga y'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye rishinzwe Iterambere (UNDP) ingana na 552,624,888 Frw, bihwanye na 9.5% by'ingengo y'imari yose yakoreshejwe mu matora. Imbonerahamwe ya 2 iragaragaza iyo ngengo y'imari, aho yaturutse n'imikoreshereze yayo.

### Imbonerahamwe ya 2: Ingengo y'imari yakoreshejwe mu matora ya Perezida wa Repubulika

| | | Aho Ingengo y'imari yaturutse | | |
|---|---|---|---|---|
| Nº | Ibikorwa | Leta y'u Rwanda | UNDP | Igiteranyo |
| 1. | Guhemba Abakozi n'Abakorera-bushake | 602,797,634 | | 602,797,634 |
| 2. | Agahimbazamusyi k'Abakorera-bushake | 1, 221,235,072 | | 1, 221,235,072 |
| 3. | Ibikoresho byo mu Biro | 34.342.751 | | 34.342.751 |
| 4. | Ibikoresho by'Amatora | 504.628.061 | | 504.628.061 |
| 5. | Lisiti n'Amakarita y'Itora | 708.601.159 | 32.236.933 | 740.838.092 |
| 6. | Gukodesha Imodoka n'Ingendo | 708.386.780 | 325.590 | 708.712.370 |
| 7. | Gutubura Impapuro z'Itora n'in-yandiko zijyanye n'Amatora | 186.027.964 | | 186.027.964 |
| 8. | Inyigisho z'Uburere Mboneragi-hugu ku Matora | 489.538.506 | 453.233.147 | 942.771.653 |
| 9. | Kumenyekanisha Ibikorwa by'Amatora | 291.204.675 | 61.874.218 | 353.078.893 |
| 10. | Amafaranga y'Itumanaho | 98.858.001 | 4.955.000 | 103.813.001 |
| 11. | Amafaranga ajyanye na serivisi zijyanye n'Amatora | 170.358.602 | | 170.358.602 |

| Nº | Ibikorwa | Leta y'u Rwanda | UNDP | Igiteranyo |
|---|---|---|---|---|
| 12. | Imyambaro iranga Abakozi n'Abakorerabushake ba Komisiyo | 225.673.219 | | 225.673.219 |
| **13.** | **IGITERANYO** | **5.241.652.424** | **552.624.888** | **5.794.277.312** |

*Ingengo y'imari yakoreshejwe mu matora n'aho yaturutse*

## 2.3. Gutegura amabwiriza agenga itora

Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 204 y' Itegeko Nº 27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora itanga, igihe bibaye ngombwa kandi hakurikijwe iri tegeko, Amabwiriza akenewe kugira ngo ibikorwa by'amatora bigende neza.

Muri urwo rwego, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yateguye kandi itanga Amabwiriza N⁰ 01/2017 yo ku wa 04/04/2017 agenga Itora rya Perezida wa Repubulika mu 2017 yasohotse mu Igazeti ya Leta n°18 bis yo ku wa 01/05/2017. Ayo Mabwiriza yahinduwe kandi yuzuzwa n'Amabwiriza N⁰ 02/2017 yo ku wa 31/05/2017 yasohotse mu Igazeti ya Leta Nimero Idasanzwe yo ku wa 02/06/2017.

Amabwiriza yari agamije gusobanurira abayobora amatora, Abanyarwanda muri rusange n'Abafatanyabikorwa ibijyanye n'imitegurire, imigendekere n'imiyoborere y'itora rya Perezida wa Repubulika. Yari agamije kandi kwibutsa abanyarwanda uruhare n'imyitwarire bibategerejweho mu bikorwa by'amatora. Ayo Mabwiriza kandi yagennye uburyo abafite ubumuga bwo kutabona batora mu ibanga hakoreshejwe urupapuro rw'itora rwihariye.

## 2.4. Kuvugurura ilisiti y'itora


Ilisiti y'itora yavuguruwe mu byiciro bibiri (2), kugira ngo abaturage bose bagejeje igihe cyo gutora kandi bujuje ibyangombwa biteganywa n'Itegeko bashobore kujya ku ilisiti y'itora y'aho bazatorera. Muri iryo vugururwa hakoreshejwe kandi ikoranabuhanga hifashishijwe telefoni igendanwa na murandasi (Internet) mu kwireba no kwiyimura ku ilisiti y'itora.

Nyuma y'iryo vugururwa hatangajwe ilisiti y'agateganyo tariki ya 03/07/2017 naho ilisiti ntakuka itangazwa tariki ya 19/07/2017, iriho Abanyarwanda miliyoni esheshatu n'ibihumbi magana inani na mirongo icyenda na birindwi na mirongo irindwi na batandatu (6,897,076) bemerewe gutora nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 3.


**Imbonerahamwe ya 3: Abanditse ku ilisiti mu Ntara n'Umujyi wa Kigali n'ibyiciro byabo**

| INTARA/UMUJYI WA KIGALI/ DIASPORA | BOSE | GABO | | GORE | | URUBYIRU-KO | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Bose | % | Bose | % | Bose | % |
| Diaspora | 44,362 | 23,955 | 54 | 20,407 | 46 | 15,527 | 35 |
| Amajyaruguru | 1,147,059 | 520,932 | 45 | 626,127 | 55 | 531,321 | 46 |
| Amajyepfo | 1,625,276 | 722,051 | 44 | 903,225 | 56 | 719,769 | 44 |
| Iburasirazuba | 1,660,690 | 762,746 | 46 | 897,944 | 54 | 749,426 | 45 |
| Iburengerazuba | 1,580,392 | 707,281 | 45 | 873,111 | 55 | 742,974 | 47 |
| Umujyi wa Kigali | 839,297 | 436,992 | 52 | 402,305 | 48 | 372,765 | 44 |
| **IGITERANYO** | **6,897,076** | **3,173,957** | **46** | **3,723,119** | **54** | **3,131,782** | **45** |


Iyi mbonerahamwe ya 3 n'ibishushanyo bikurikira biragaragaza uko Abanyarwanda biyandikishije ku ilisiti y'itora mu byiciro bitandukanye. Muri rusange abagore bangana na 54%, abagabo bakangana na 46%. Ahagaragara Abagabo bacye ni mu Ntara y'Amajyepfo aho bangana 44%, naho ahagaragara abagabo benshi ni mu Mujyi wa Kigali (52%) no muri Diaspora aho bangana na 54%. Abagore benshi bari mu Ntara y'Amajyepfo aho bahwanye na 56%. Urubyiruko rwemerewe gutora rungana na 45% muri rusange, ariko muri Diaspora rungana na 35%.




*Abagabo n'Abagore kw'ilisiti y'itora muri Diaspora no mu Ntara (%)*




*Abagabo n'Abagore ku ilisiti y'itora muri rusange (%)*



## 2.5. Kugena no gushaka ibikoresho by'amatora

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishingiye ku mubare w'abanditse ku ilisiti y'itora, ku mubare w'ibiro by'itora, ibyumba by'itora, umubare w'ibikoresho byari mu bubiko, no ku ngengo y'imari yari yateganijwe, yagennye kandi yemeza urutonde rw'ibikoresho by'amatora byagombaga gushakwa bitarenze ukwezi kwa Kamena 2017 kandi ibyo bikoresho byabonekeye ku gihe cyateganijwe.

### 2.5.1. Ibikoresho byari bikenewe

Imbonerahamwe ya 4 ikurikira igaragaza ibikoresho na servisi byari bikenewe mu matora ya Perezida wa Repubulika.

**Imbonerahamwe ya 4: Ibikoresho na service byari bikenewe mu matora**

| Nº | Ubwoko bw'ibikoresho by'amatora | Ingano y'ibyari bikenewe |
|---|---|---|
| 1) | Impapuro z'itora (Ballot papers) | 7,000,000 |
| 2) | Braille ballot papers | 2,500 |
| 3) | Gutubura impapuro zo kubarurirаho amajwi (Tally sheets) | 70,000 |
| 4) | Agraffeuses petit format | 600 |
| 5) | Amakarita y'itora | 600,000 |
| 6) | Cachets Yatoye | 1,988 |
| 7) | Cartons d'emballage | 3,400 |
| 8) | Ciseaux | 6,174 |
| 9) | Envelopes A3 | 4,194 |
| 10) | Envelopes A4 | 49,311 |
| 11) | Envelopes A5 | 15,127 |
| 12) | Imifuka | 8,072 |
| 13) | Imigozi ifunga amasanduka y'itora (Seals) | 163,559 |
| 14) | Amahema (sheetings) | 40 |
| 15) | Tampo special | 29,267 |
| 16) | Amasanduka y'itora | 185 |
| 17) | Indangururamajwi (Megaphones) | 233 |
| 18) | Amasitimu (Hand torches) | 1,540 |
| 19) | Amabuye y'indangururamajwi (Batteries/piles) | 88,260 |

| Nº | Ubwoko bw'ibikoresho by'amatora | Ingano y'ibyari bikenewe |
|---|---|---|
| 20) | Irati (Rulers) | 2,411 |
| 21) | Scotch | 9,515 |
| 22) | Impapuro za lisiti y'itora (Reams) | 3,038 |
| 23) | Amakaramu (Pens) | 33,351 |
| 24) | Markers | 64,404 |
| 25) | Impapuro zo kubarurirahо amajwi (Papier Bristol) | 70,000 |
| 26) | Staples (udupaki) | 17,371 |
| 27) | Imigozi y'Imigwegwe/rops | 800 |
| 28) | Wino isanzwe (Ordinary ink) | 14,893 |
| 29) | Wino idasibama (Indelible ink) | 12,685 |
| 30) | Ingofero zisanzwe (Ordinary Caps) | 75,832 |
| 31) | Imipira y'abakorerabushake (Ordinary T-shirt round neck) | 75,832 |
| 32) | Fardes a tringle | 19,080 |
| 33) | Cartridge 81x | 20 |
| 34) | Cartridge 43x | 12 |
| 35) | Ibikapu (Bags) | 924 |
| 36) | Perforateur | 10 |
| 37) | Ingoferoz'abakozi (T-shirt VIP) | 300 |
| 38) | Imipira y'abakozi (Caps VIP) | 300 |
| 39) | Tampo isanzwe (Ordinary stamp pad) | 11,952 |
| 40) | HP proliant DL 380 gen server | 1 |
| 41) | ASA 5525-x with fire power services | 2 |
| 42) | Cisco catalyst 3650 48 | 1 |
| 43) | Kaspersky | 10 |
| 44) | Progaramu (softwares) yo kuvugurura ilisiti y'itora | 2 |
| 45) | Banners | 3,250 |
| 46) | Billboards | 12 |
| 47) | Amahema yo gutoreramo | 73 |
| 48) | Gutaka inzu Komisiyo ikoreramo (Decoration) | 1 |
| 49) | Laminating pouch films | 1000 |
| 50) | Cords for badges | 3,000 |
| 51) | Printers | 5 |

## 2.5.2. Ibikoresho by'ingenzi byari mu bubiko

Imbonerahamwe ya 5 ikurikira igaragaza urutonde rw'ibikoresho by'ingenzi byari mu bubiko bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora byifashishijwe mu matora ya Perezida wa Repubulika.

## Imbonerahamwe ya 5: Ibikoresho by'ingenzi by'amatora byari mu bubiko

| Nº | UBWOKO BW'IBIKORESHO | Ibyari mu bubiko | | | Ibyoherejwe muri Province | Ibyasigaye ku Cyicaro |
|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Ku Cyicaro | Mu Ntara | BYOSE | | |
| 1. | Agraffeuses petit format | 10,026 | 8,072 | 18,098 | 600 | 9,426 |
| 2. | Amakarita y'itora | 1,084,000 | | 1,084,000 | 600,000 | 484,000 |
| 3. | Cachets Yatoye | 2,138 | 16,627 | 18,765 | 1,988 | 150 |
| 4. | Cartons d'emballage | 6,600 | | 6,600 | 3,400 | 3,200 |
| 5. | Ciseaux | 6,259 | 13,377 | 19,636 | 6,174 | 85 |
| 6. | Envelopes A3 | 2,396 | | 2,396 | 2,097 | 299 |
| 7. | Envelopes A4 | 25,909 | | 25,909 | 25,909 | 0 |
| 8. | Envelopes A5 | 13,016 | | 13,016 | 13,016 | 0 |
| 9. | Ikaramu | 2,000 | | 2,000 | 2,000 | 0 |
| 10. | Imigwegwe | 680 | | 680 | 680 | 0 |
| 11. | Wino isanzwe | | 493 | 493 | | |
| 12. | Wino idasibama (Indelebile ink) | 1,940 | 1,002 | 2,942 | 1,940 | 0 |
| 13. | Markers | 24,000 | | 24,000 | 24000 | 0 |
| 14. | Indangururamajwi (Megaphones) | 92 | 1,853 | 1,945 | 92 | 0 |
| 15. | Imifuka (Sacs blanc, 100kg) | 9,324 | | 9,324 | 8,072 | 1,252 |
| 16. | Imigozi ifunga amasanduka y'itora | 205,000 | 5,727 | 210,727 | 163,559 | 41,441 |
| 17. | Amahema (Sheetings) | 380 | 413 | 793 | 40 | 340 |
| 18. | Staples (udupaki) | 13,072 | 187 | 13,259 | 13,072 | 0 |
| 19. | Amabuye ya megaphone na Torches | 73,800 | 394 | 74,194 | 73,800 | 0 |
| 20. | Tampons ordinaires | | 17,199 | 17,199 | | |
| 21. | Tampo special | 52,981 | 18,846 | 71,827 | 29,267 | 23,714 |
| 22. | Urnes de 60l + couvercle +5 scelles | 709 | 17,534 | 18,243 | 185 | 524 |
| 23. | Amasitimu | | 4,547 | 4,547 | | |
| 24. | Cachets Amatora mu Rwanda | | 3,052 | 3,052 | | |

### 2.5.3. Ibikoresho byaguzwe

3. Imbonerahamwe ya 6 igaragaza ibikoresho by'amatora na serivisi byaguzwe ngo bikoreshwe mu matora ya Perezida wa Repubulika.
4. Ibyo bikoresho byose bimaze kugezwa mu bubiko bwa Komisiyo, hakozwe urutonde rwabyo hashingiwe ku bizakoreshwa muri buri Ntara/Umujyi wa Kigali na Diaspora. Hanateguwe gahunda yo kubigeza muri Diaspora, mu Turere, ku Mirenge no ku Biro by'itora kandi irubahirizwa.

**Imbonerahamwe ya 6: Ibikoresho na service byaguzwe ngo bikoreshwe mu matora**

| N$^0$ | Ubwoko bw'ibikoresho by'amatora | Ingano y' ibikore-sho | Igiciro | Ibyaso-hotse | Ibyasi-gaye |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | Impapuro z'itora (Ballot papers) | 7,000,000 | 156,940,000 | 7,000,000 | 0 |
| 2. | Braille ballot papers | 2,500 | 5,147,750 | 2,500 | 0 |
| 3. | Gutubura impapuro zo kubaruriraho amajwi | 70,000 | 16,189,600 | 70,000 | 0 |
| 4. | Indangururamajwi (Megaphones) | 200 | 17,228,000 | 141 | 59 |
| 5. | Amasitimu (Hand torches) | 2,500 | 22,125,000 | 1,540 | 960 |
| 6. | Amabuye y'indangururamajwi (Batteries/piles) | 70,000 | 28,910,000 | 14,460 | 55,540 |
| 7. | Amarati (Rulers) | 2,500 | 737,500 | 2,411 | 89 |
| 8. | Envelopes A3 | 3,000 | 885,000 | 2,097 | 903 |
| 9. | Envelopes A4 | 31,000 | 7,316,000 | 33,402 | -2,402 |
| 10. | Envelopes A5 | 3,000 | 531,000 | 3,111 | -111 |
| 11. | Scotch | 12,100 | 11,368,000 | 9,515 | 2,585 |
| 12. | Impapuro za lisiti y'itora (Reams) | 3,550 | 16,328,000 | 3,038 | 512 |
| 13. | Amakaramu (Pens) | 32,000 | 6,796,800 | 31,351 | 649 |
| 14. | Markers | 48,000 | 11,328,000 | 40,404 | 7,596 |
| 15. | Impapuro zo kubaruriraho amajwi (Papier Bristol) | 70,000 | 28,910,000 | 70,000 | 0 |
| 16. | Staples (udupaki) | 5,000 | 5,900,000 | 4,299 | 701 |
| 17. | Imigwegwe/rops | 1,100 | 1,200,000 | 120 | 980 |

| N⁰ | Ubwoko bw'ibikoresho by'amatora | Ingano y' ibikore-sho | Igiciro | Ibyaso-hotse | Ibyasi-gaye |
|---|---|---|---|---|---|
| 18. | Wino isanzwe (Ordinary ink) | 16,000 | 5,184,000 | 14,893 | 1,107 |
| 19. | Wino idasibama (Indelible ink) | 16,200 | 79,426,980 | 10,745 | 5,455 |
| 20. | Ingofero zisanzwe (Ordinary Caps) | 75,832 | 62,637,232 | 75,832 | 0 |
| 21. | Imipira y'abakorerabushake (Ordinary T-shirt round neck) | 75,832 | 163,035,987 | 75,832 | 0 |
| 22. | Farde a tringle | 19,080 | 4,006,800 | 19,080 | 0 |
| 23. | Cartridge 81x | 20 | 4,440,000 | 20 | 0 |
| 24. | Cartridge 43x | 22 | 7,150,000 | 12 | 10 |
| 25. | Bags | 1,000 | 950,000 | 924 | 76 |
| 26. | Perforateur | 10 | 35,000 | 10 | 0 |
| 27. | Imipira y'abakozi (T-shirt VIP) | 300 | 2,325,000 | 300 | 0 |
| 28. | Ingofero z'abakozi (Caps VIP) | 300 | 720,000 | 300 | 0 |
| 29. | Tampo isanzwe (Ordinary stamp pad) | 16,000 | 9,360,000 | 11,952 | 4,048 |
| 30. | HP proliant DL 380 gen server | 1 | 7,467,213 | 1 | 0 |
| 31. | ASA 5525-x with fire power services | 2 | 15,211,890 | 2 | 0 |
| 32. | Cisco catalyst 3650 48 | 1 | 7,230,130 | 1 | 0 |
| 33. | Kaspersky | 10 | 2,327,700 | 10 | 0 |
| 34. | Amakarita y'itora | 300,000 | 990,000 | 0 | 300,000 |
| 35. | Porogaramu (software) yo kuvugurura ilisiti y'itora | 2 | 29,920,000 | 2 | 0 |
| 36. | Banners | 3,250 | 45,883,000 | 3,250 | 0 |
| 37. | Billboards | 12 | 6,391,200 | 12 | 0 |
| 38. | Amahema yo gutoreramo | 73 | 6,570,000 | 73 | 0 |
| 39. | Gutaka inzu Komisiyo ikoreramo (Decoration) | 1 | 5,120,000 | 1 | 0 |
| 40. | Laminating pouch films | 1,000 | 100,000 | 1,000 | 0 |
| 41. | Imigozi ya badges | 3,000 | 750,000 | 3,000 | 0 |
| 42. | Printers | 5 | 8,925,000 | 5 | 0 |

## 2.6. Gutegura no gutanga Inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora

Kugira ngo Abanyarwanda n'Abafatanyabikorwa bose barusheho gusobanukirwa n'ibijyanye n'amatora ya Perezida wa Repubulika kandi bayagiremo uruhare rugaragara, hateguwe kandi hatangwa Inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora, zigezwa ku byiciro binyuranye by'Abanyarwanda baba mu Gihugu ndetse no mu mahanga, hakoreshejwe uburyo bunyuranye. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yifashishije bimwe muri ibyo byiciro byahuguwe mu gushishikariza abaturage ibijyanye n'amatora muri rusange.

### 2.6.1. Imfashanyigisho zateguwe zijyanye n'amatora

Mu rwego rwo kumenyekanisha no gushishikariza Abanyarwanda ibijyanye n'amatora ya Perezida wa Repubulika, hateguwe imfashanyigisho ku nsanganyamatsiko zikurikira:

1) Gahunda y'amatora ya Perezida wa Repubulika;
2) Iby'ingenzi mu Itegeko n'Amabwiriza bigenga amatora ya Perezida wa Repubulika;
3) Uruhare rw'Umuturage mu migendekere myiza y'amatora;
4) Inshingano n'imyitwarire by'Abakorerabushake b'amatora mu gihe cy'amatora;
5) Imyitwarire y'Indorerezi z'amatora mu bihe by'amatora.

### 2.6.2. Abahawe amahugurwa n'ibiganiro ku matora

### Imbonerahamwe ya 7: Abahuguwe n'abahawe ibiganiro

| Nº | IBYICIRO | Abahuguriwe Guhugura abandi | Abahuguwe n' abahugu-we mbere |
|---|---|---|---|
| 1 | Abahuguriwe guhugura abandi ku rwego rw'Igihugu | 64 | |
| 2 | Itorero ry'Abakozi bo kwa muganga | 12,952 | - |
| 3 | Itorero ry'Abarimu | 22,575 | - |
| 4 | Itorero ry'Abayobozi b'Inzego z'ibanze | 32,659 | - |
| 5 | Itorero ry'Abanyeshuri barangije amashuri yisumbuye | 40,555 | - |
| 6 | Urubyiruko ruvuga rikumvikana | 1,179 | - |
| 7 | Abagore bavuga rikumvikana | 1,200 | - |
| 8 | Abayobozi b'inzego z'ibanze bavuga rikumvikana | 1,220 | - |
| 9 | Abanyeshuri n'Abarimu mu mashuri makuru na za Kaminuza | 14,704 | - |
| 12 | Abayobozi b'amashyirahamwe n'Amako-perative | 27,910 | - |
| 13 | Abahinzi b'Umuceri | 34,500 | - |
| 14 | Abakorerabushake b'amatora | 72,302 | - |
| 15 | Inzego zishinzwe Umutekano | 15,680 | - |
| 16 | Abanyamadini | 17,899 | - |
| 17 | Abahagarariye Imitwe ya Politiki yemewe mu Rwanda | 269 | - |
| 18 | Abajyanama b'ubuzima | 24,546 | - |
| 19 | Abakozi ba za Hotels na Restaurants | 8,564 | - |
| 20 | Abanyamakuru | 103 | - |
| 21 | Indorerezi z'amatora | 1,726 | - |
| 22 | Abanyonzi b'amagare | 3,567 | - |
| 23 | Abamotari | 6,902 | - |
| 24 | Abogosha imisatsi | 2,345 | - |
| 25 | Komite z'Intore | 12,982 | - |
| 27 | Ba Mutima w'urugo | 789,003 | - |
| 26 | Inteko z'Abaturage mu Midugudu | - | 1,876,420 |
| 28 | Mu Miganda rusange | - | 3,548,522 |
| **IGITERANYO** | | **1,145,406** | **5,424,942** |
| **ABAHUGUWE BOSE** | | **6,570,348** | |

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yahuguye ibyiciro bitandukanye by'Abafatanyabikorwa harimo n'abazahugura abandi. Bamwe mu bahuguwe bafashije Komisiyo mu gutanga ibiganiro ku matora ya Perezida wa Repubulika ku bindi byiciro bitandukanye by'Abanyarwanda kugira ngo basobanukirwe ibijyanye n'amatora. Imbonerahamwe ya 7 igaragaza ibyiciro byahuguwe ku matora n'imibare yabo.

Ibyiciro by'abahawe ibiganiro byari bigizwe n'Abashinzwe umutekano, abahagarariye Imitwe ya Politiki, Abanyamakuru, Inzego z'Ubuyobozi bw'Ibanze, Inzego z'Abagore, iz'Urubyiruko, iz'Abafite ubumuga, Abavuga rikumvikana mu bagore, mu rubyiruko no mu Nzego z'ibanze, Abanyamadini, abibumbiye mu mashyirahamwe n'amakoperative, Abanyeshuri n'Abarezi mu mashuri makuru na za Kaminuza, Indorerezi z'amatora n'abatora muri rusange.

Imbonerahamwe ya 7 igaragaza ko abahuguwe n'abahawe ibiganiro bangana na 6,570,348 ni ukuvuga 95.2% by'abagombaga gutora bose bangana na 6,897,076. Ibyo bigaragaza ko inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora ya Perezida wa Repubulika zageze kuri benshi mu bagombaga gutora, ku kigereranyo cya 95.2%, kandi ubundi buryo bwakoreshejwe mu gutanga inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora no kumenyekanisha amatora bwatumye abagombaga gutora bose bagerwaho n'izo nyigisho.

### 2.6.3. Uburyo bwakoreshejwe mu gutanga Uburere Mboneragihugu ku matora

Mu gutanga Inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora, hakoreshwe uburyo bunyuranye burimo ubu bukurikira:

1) Amahugurwa;
2) Itangazamakuru;
3) Inama n'Abafatanyabikorwa;
4) Ibiganiro mu Muganda rusange;
5) Inyandikompine (depliants);
6) Ibiganiro mbwirwaruhame n'abantu bagize ibyiciro binyuranye;
7) Ibyapa biriho ubutumwa bw'amatora ku mihanda;
8) Ibitambaro bimanikwa (banners);

9) Indirimbo;
10) Amaradiyo;
11) Televiziyo;
12) Ikoranabuhanga hakoreshejwe cyane imbuga nkoranyambaga.



*Ikiganiro mbwirwaruhame (ifoto y'ibumoso) n'inama n'Abanyeshuri (ifoto y'iburyo)*

## 2.7. Gukorana inama n'Abafatanyabikorwa

Mu rwego rwo gutegura amatora agizwemo uruhare n'abantu benshi banyuranye, Komisiyo yagiranye inama n'ibiganiro n'Abafatanyabikorwa batandukanye, bigamije kubakangurira kugira uruhare mu matora ya Perezida wa Repubulika no kubasaba kubikangurira abo bahagarariye, hubahirizwa Amategeko n'Amabwiriza bigenga amatora.
Abafatanyabikorwa b'ingenzi Komisiyo yagiranye nabo inama ni aba bakurikira:
1) Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC);
2) Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango (MIGEPROF);
3) Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC);
4) Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga, Ubutwererane mu Karere n'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba (MINAFFET);
5) Polisi y'Igihugu;
6) Ingabo z'Igihugu;
7) Ikigo cy'Igihugu cy'Imiyoborere (RGB);
8) Ihuriro Nyarwanda ry'Abayobora Amadini n'Amatorero;
9) Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki;

10) Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu;
11) Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge (NURC);
12) Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu;
13) Intara n'Umujyi wa Kigali;
14) Ikigo gishinzwe Gukurikirana Iyubahirizwa ry'Uburinganire (GMO);
15) Inama y'Igihugu y'Abagore;
16) Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;
17) Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga;
18) Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta;
19) Abahagarariye Ibihugu byabo mu Rwanda;
20) Ikigo cy'Igihugu cy'Itangazamakuru (RBA);
21) Inama Nkuru y'Itangazamakuru (MHC);
22) Komisiyo y'Igihugu y'Itangazamakuru (RMC).

Muri abo bafatanyabikorwa harimo abasanzwe bafitanye amasezeranyo y'ubufatanye na Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ari bo aba bakurikira:

1) Inama y'Igihugu y'Urubyiruko;
2) Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga;
3) Inama y'Igihugu y'Abagore;
4) Komisiyo y'Itorero ry'Igihugu;
5) Ihuriro ry'Imiryango itari iya Leta;
6) Ikigo gishinzwe gukurikirana iyubahirizwa ry'uburinganire (GMO).

## 2.8. Gushyiraho no guhugura Abakozi n'Abakorerabushake b'amatora

Mu rwego rwo kunoza imitegurire n'Imiyoborere y'Amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyizeho Abakozi b'ingoboka ku rwego rw'Intara/Umujyi wa Kigali no ku rwego rw'Akarere. Hashyizweho kandi Abakorerabushake b'amatora bafatanya n'Abakomiseri n'Abakozi ba Komisiyo mu kuyobora amatora.
Abakorerabushake b'amatora bari basanzweho bakorewe

isuzumamikorere hagamijwe kumenya ubushobozi, imikorere n'imyitwarire yabo no gusimbura abatakiri mu myanya n'abatagishoboye kurangiza inshingano zabo mu matora.
Nyuma y'isuzumamikorere ry'Abakorerabushake b'amatora, barahuguwe mu rwego rwo kubongerera ubushobozi mu mitegurire n'imiyoborere y'amatora.

Imbonerahamwe ya 8 igaragaza imibare y'abahuguwe kandi bayoboye amatora, harimo abakozi b'ingoboka n'Abakorerabushake b'amatora.

Mu Rwanda amatora yayobowe n'Abakomiseri n'Abakozi ba Komisiyo bunganiwe n'Abakozi b'ingoboka 35 n'Abakorerabushake 75,066 bagenwe hashingiwe ku mibare y'ibiro n'ibyumba by'itora. Muri Diaspora, amatora yayobowe n'Abakorerabushake 333.

Abakomiseri 4 n'Abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora 46 ndetse na bamwe mu Bafatanyabikorwa 27 nabo bahuguwe kuri BRIDGE (Building Resources in Democracy, Governance and Elections) ku bijyanye n'imitegurire n'imiyoborere y'amatora ku rwego mpuzamahanga, bihuzwa n'imiyoborere n'amatora mu Rwanda. Imbonerahamwe ya 9 igaragaza abahuguwe muri BRIGDE barimo Abakomiseri n'Abakozi ba Komisiyo n'igihe bahuguriwe.

## Imbonerahamwe ya 8: Ibiro n'Ibyumba by'itora mu Ntara na Kigali n'Abakozi bahuguriwe kuyobora amatora

| INTARA/UMUJYI WA KIGALI/DIASPORA | INZEGO Z'UBUYOBOZI | | | INZEGO Z'ITORA | | ABAKOZI BAHUGURIWE KUYOBORA AMATORA | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Umurenge | Utugari | Imidu-gudu | Ibiro by'Itora | Ibyum-ba | Intara/Umu-jyi wa Kigali | Ku Turere | Ku Mirenge | Ku Biro by'It-ora | Mu byumba | Abasim-bura | Bose hamwe |
| AMAJYARUGURU | 89 | 414 | 2,744 | 443 | 2,910 | 1 | 5 | 178 | 443 | 11,640 | 886 | 13,153 |
| AMAJYEPFO | 101 | 532 | 3,501 | 564 | 3,933 | 1 | 8 | 202 | 564 | 15,732 | 1,128 | 17,635 |
| IBURASIRAZUBA | 95 | 503 | 3,792 | 577 | 4,184 | 1 | 7 | 190 | 577 | 16,736 | 1,154 | 18,665 |
| IBURENGERAZUBA | 96 | 538 | 3,623 | 584 | 3,859 | 1 | 7 | 192 | 584 | 15,436 | 1,168 | 17,388 |
| UMUJYI WA KIGALI | 35 | 161 | 1,163 | 175 | 1,805 | 1 | 3 | 70 | 175 | 7,220 | 350 | 7,819 |
| BOSE MU RWANDA | 416 | 2,148 | 14,823 | 2,343 | 16,691 | 5 | 30 | 832 | 2,343 | 66,764 | 4,686 | 74,660 |
| DIASPORA* | | | | 98 | 111 | | | | 98 | 333 | - | 406 |
| BYOSE HAMWE | | | | 2,441 | 16,802 | 5 | 30 | 832 | 2,441 | 67,097 | 4,686 | 75,066 |
| | | | | | | 5 | 30 | 832 | 2,441 | 67,097 | 4,686 | 75,066 |

***Diaspora hari Ambasade 31, zayoboye amatora mu bihugu 52, ku Biro 98 n'Ibyumba by'itora 111.**

**Imbonerahamwe ya 9: Abahuguwe muri BRIGDE n'ibyiciro byabo**

| N0 | Icyiciro cyahuguwe | Abahuguwe | Itariki |
|---|---|---|---|
| 1. | Abakomoseri ba KIA | 3 | 06-10/02/2017 |
| | Abakozi ba KIA | 23 | |
| 2. | Abakomoseri ba KIA | 1 | 13-17/02/2017 |
| | Abakozi ba KIA | 23 | |
| 3. | Abahagarariye Imitwe ya Politiki | 27 | 12-16/11/2016 |

## 2.9. Kumenyekanisha no gushishikariza Abanyarwanda ibikorwa by'amatora

Mu rwego rwo kumenyekanisha ibikorwa by'amatora no gushishikariza abanyarwanda kubigiramo uruhare, hakoreshejwe uburyo bunyuranye. Uko kumenyekanisha no kubashishikariza ibijyanye n'amatora ya Perezida wa Repubulika byari bigamije gusobanurira by'umwihariko abazatora agaciro k'amatora, kugira ngo bazayitabire barangwa n'imyifatire igendanye n'indangagaciro za Demokarasi zirimo ubworoherane, ubwisanzure, umutekano no kwemera ibyavuye mu matora iyo yubahirije amategeko.

Kugira ngo ubutumwa bw'amatora bugere ku bantu benshi, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakoresheje uburyo butandukanye burimo:
1) Ibyapa byamamaza ku mihanda
2) Ibitambaro bimanikwa (banners);
3) Amatangazo n'ibiganiro kuri radio na televiziyo;
4) Ibitangazamakuru byandika (print & online);
5) Urubuga (Website) rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;
6) Imbuga nkoranyambaga zitandukanye;
7) Ibiganiro bigenewe abanyamakuru (press conference);
8) Inyandikompine (depliants);
9) Ubutumwa bugufi ku ma telefone;
10) Indirimbo n'ubundi buryo.




*Amafoto garagaza bumwe mu buryo bwakoreshejwe mu gushishikariza abanyarwanda amatora*

## 2.10. Gutumira, kwemeza no kwakira Indorerezi

Mu rwego rwo gukomeza gushimangira amahame ya demokarasi no gukora amatora anyuze mu mucyo no mu bwisanzure hubahirizwa amategeko n'uburenganzira bw'abenegihugu no kugira ngo abayobora amatora batirara, K omisiyo y'Igihugu y'Amatora yatumiye kandi yakira indorerezi zifuza gukurikirana imigendekere y'amatora. Nk'uko byari biteganyijwe muri gahunda y'amatora ya Perezida wa Repubulika, igikorwa cyo gutumira no kwakira indorerezi z'amatora cyakozwe kuva ku itariki 02/05/2017 kugeza itariki 03/08/2017.

### 2.10.1 Gutumira indorerezi

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatumiye inzego zitandukanye zigira uruhare mu gikorwa cy'amatora. Hatumiwe inzego mirongo irindwi n'ebyiri (72) zirimo inzego za Leta icumi (10), Inzego n'Imiryango itari iya Leta ikorera mu Rwanda icumi (10), Imiryango Mpuzamahanga cumi n'ine (14), za Ambasade makumyabiri n'esheshatu (26), na za Komisiyo z'Amatora mu bihugu bitandukanye cumi n'ebyiri (12).
Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakiriye kandi ubusabe bw'imiryango yisabiye gukurikirana amatora.

### 2.10.2 Kwemeza no kwakira indorerezi

Hashingiwe ku ngingo ya 205 y'Itegeko N°27/2010 ryo ku wa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu no ku Mabwiriza agenga itora rya Perezida wa Repubulika, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yemereye gukurikirana amatora indorerezi 1,726 zirimo 1391 zikomoka mu Rwanda n'indorerezi 335 mvamahanga.

Indorerezi zemerewe zahawe ibyangombwa biziranga bizitandukanya n'abandi bantu bafite uruhare mu matora bigizwe n'ibaruwa (accreditation letter), ikarita iranga indorerezi (badge), amategeko n'amabwiriza bigenga amatora n'izindi nyandiko zibafasha gukurikirana amatora.




*Indorerezi mu myiteguro no mu gukurikirana amatora*




*Indorerezi mu myiteguro no mu gukurikirana amatora*

## Imbonerahamwe ya 10: Indorerezi zikomoka mu Rwanda

| N° | Umuryango/Ikigo cyohereje indorerezi | Umubare w'indorerezi | Gabo | Gore | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Bose | % |
| 1 | National Commission for the Fight against Genocide | 5 | 5 | 0 | 0.0 |
| 2 | National Youth Council | 3 | 3 | 0 | 0.0 |
| 3 | National Commission for Human Rights | 56 | 21 | 35 | 62.5 |
| 4 | Urugero rwiza - Support Organisation | 8 | 7 | 1 | 12.5 |
| 5 | Rwanda Governance Board (RGB) | 51 | 37 | 14 | 27.5 |
| 6 | Rwanda Civil Society Platform | 361 | 199 | 162 | 44.9 |
| 7 | Syndicat des Travailleurs aux Services des Droits Humains | 14 | 10 | 4 | 28.6 |
| 8 | National Commission for Unity and Reconciliation | 467 | 299 | 168 | 36.0 |
| 9 | Ligue des Droits de la Personne dans la Région des Grands Lacs (LDGL) | 50 | 28 | 22 | 44.0 |
| 10 | Rwanda Religious Leaders Forum | 97 | 81 | 16 | 16.5 |
| 11 | National Consultative Forum of Political Organization-Rwanda | 100 | 52 | 48 | 48.0 |
| 12 | Friends Peace House | 90 | 64 | 26 | 28.9 |
| 13 | Office of the Ombudsman | 56 | 28 | 28 | 50.0 |
| 14 | National Union of Disabilities Organisations in Rwanda | 3 | 3 | 0 | 0.0 |
| 15 | Ministry of Local Government | 22 | 18 | 4 | 18.2 |
| | **TOTAL** | **1,391** | **863** | **528** | **38.0** |

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagiranye inama n'indorerezi zemewe, mbere y'uko zitangira imirimo yazo, igamije kuzisobanurira ibijyanye n'uburenganzira bwazo mu gihe cy'amatora, amahame shingiro zigomba kubahiriza, ibyo zibujijwe n'igihe zitangira raporo. Imbonerahamwe ya 10 n'iya 11 zikurikira ziragaragaza umubare w'indorerezi nyarwanda n'iz'imvamahanga zemerewe gukurikira itora rya Perezida wa Repubulika n'ibyiciro by'abagore n'abagabo muri zo.

Indorerezi zose 1,726 zarimo abagore 636, bangana na 36.8%. Indorerezi nyarwanda zemerewe zari 1,391, zirimo abagabo 863 (62.0%), n'abagore 528, bangana na 38.0%. Mu ndorerezi nyarwanda, izarimo abagore benshi ni izaturutse muri Komisiyo y'Igihugu y'Uburenganzira bwa Muntu (62.0%) n'izaturutse mu Biro by'Umuvunyi Mukuru (50%).

Indorerezi mvamahanga zakurikiye amatora ya Perezida zari 335, zari zirimo abagore 108, ni ukuvuga 32.2%. Muri zo izoherejwe na Amabsade y'Ubuyapani, iza Uganda High Commission, n'iza Pan african Women Projects, zose zari zigizwe n'abagore gusa. Izindi zari zirimo abagore benshi ni iza Embassy of the Arab Republic of Egypt (67%), iza Kenya High Commission (57%), iza Embassy of Sweden (50%), iza Common Market for Eastern and Southern Africa (50%).

Muri rusange igikorwa cyo gutumira, kwemeza no kwakira indorererezi cyagenze neza kandi cyubahirije ingengabihe yari iteganyijwe muri gahunda y'amatora ya Perezida wa Repubulika.

**Imbonerahamwe ya 11: Indorerezi mvamahanga.**

| N° | Umuryango/Ikigo cyohereje indorerezi | Umubare w'indorere-zi | Gabo | Gore | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Bose | % |
| 1 | Embassy of Japan | 3 | 0 | 3 | 100.0 |
| 2 | Embassy of the Republic of Korea | 3 | 2 | 1 | 33.3 |
| 3 | South African High Commission | 3 | 2 | 1 | 33.3 |
| 4 | Embassy of the Arab Republic of Egypt | 3 | 1 | 2 | 66.7 |
| 5 | Uganda National Consultative Forum for Political Parties | 5 | 5 | 0 | 0.0 |
| 6 | Australian High Commission | 1 | 1 | 0 | 0.0 |
| 7 | British High Commission | 20 | 14 | 6 | 30.0 |
| 8 | Uganda High Commission | 2 | 0 | 2 | 100.0 |

| N° | Umuryango/Ikigo cyohereje indorerezi | Umubare w'indorere-zi | Gabo | Gore | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Bose | % |
| 9 | Embassy of Sweden | 6 | 3 | 3 | 50.0 |
| 10 | Embassy of United States of America | 48 | 35 | 13 | 27.1 |
| 11 | Embassy of Netherlands | 12 | 8 | 4 | 33.3 |
| 12 | Afrique Esperance | 7 | 7 | 0 | 0.0 |
| 13 | European Union | 19 | 14 | 5 | 26.3 |
| 14 | Common Market for Eastern and Southern Africa | 14 | 7 | 7 | 50.0 |
| 15 | Embassy of Belgium | 12 | 11 | 1 | 8.3 |
| 16 | East African Community | 53 | 40 | 13 | 24.5 |
| 17 | Organisation Internationale de la Francophonie | 12 | 9 | 3 | 25.0 |
| 18 | Tanzania High Commission | 1 | 1 | 0 | 0.0 |
| 19 | Kenya High Commission | 7 | 3 | 4 | 57.1 |
| 20 | Embassy of Germany | 7 | 4 | 3 | 42.9 |
| 21 | Electoral Commission of Uganda | 3 | 1 | 2 | 66.7 |
| 22 | Independent Electoral Commission of Somalia | 2 | 2 | 0 | 0.0 |
| 23 | Pan african Women Projects | 5 | 0 | 5 | 100.0 |
| 24 | NGO - Save the World | 6 | 6 | 0 | 0.0 |
| 25 | Societe Civile Africaine | 8 | 6 | 2 | 25.0 |
| 26 | Groupe Agir Europe-Afrique | 5 | 5 | 0 | 0.0 |
| 27 | Diaspora Africaine en Europe | 15 | 10 | 5 | 33.3 |
| 28 | African Union (AU) | 43 | 28 | 15 | 34.9 |
| 29 | Economic Community of Central African States (ECCAS) | 2 | 2 | 0 | 0.0 |
| 30 | Embassy of the Republic of Congo (Brazaville) | 3 | 2 | 1 | 33.3 |
| 31 | Embassy of the Republic Democratic of Congo (DRC) | 2 | 2 | 0 | 0.0 |
| 32 | International Conference on the Great Lakes Region | 6 | 3 | 3 | 50.0 |
| 33 | Office of the Canadian High Commission | 1 | 1 | 0 | 0.0 |
| 34 | New Zealand Embassy | 1 | 1 | 0 | 0.0 |
| 35 | Nigeria High Commission | 2 | 2 | 0 | 0.0 |
| 36 | National Electoral Commission of South Sudan | 1 | 1 | 0 | 0.0 |
| | **TOTAL** | **335** | **227** | **108** | **32.2** |

## 2.11. Kwakira no kwemeza Kandidatire

Ishingiye ku biteganywa n'ingingo ya 99 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015 no ku ngingo ya 81, iya 82 n'iya 83 z'Itegeko Nº 27/2010 ryo kuwa 19/06/2010 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu, nk'uko byari biteganijwe, kuva tariki ya 12 kugeza ku ya 23 Kamena 2017, Komisiyo yakiriye Kandidatire esheshatu (6) ku mwanya wa Perezida wa Repubulika.

### 2.11.1. Kwakira kandidatire

Dosiye z'Abakandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika zakiriwe ku matariki anyuranye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 12 ikurikira.

**Imbonerahamwe ya 12: Uko kandidatire zakiriwe zikurikirana**

| Itariki | Nº | Umukandida wakiriwe | Icyiciro umukandida aturukamo |
|---|---|---|---|
| 12/06/2017 | 1 | Bwana HABINEZA Frank | Ishyaka riharanira Demokarasi n' Ibidukukije mu Rwanda (DGPR) |
| | 2 | Bwana MWENEDATA Gilbert | Umukandida wigenga |
| | 3 | Bwana BARAFINDA SEKIKUBO Fred. | Umukandida wigenga |
| 20/ 06/2017 | 4 | Madamazela RWIGARA NSHIMYIMANA Diane | Umukandida wigenga |
| 22/06/2017 | 5 | Bwana MPAYIMANA Philippe | Umukandida wigenga |
| 22/06/2017 | 6 | Nyakubahwa KAGAME Paul | Umuryango FPR-Inkotanyi |

Nk'uko bigaragara, muri kandidatire esheshatu harimo kandidatire 4 z'abakandida bigenga na kandidatire 2 zatanzwe n'abakandida b'imitwe ya Politiki. Mu bakandida batandatu, harimo umugore umwe (1) n'abagabo batanu (5).

### 2.11.2. Kwemeza kandidatire

Guhera tariki ya 24 Kamena kugeza ku itariki 07 Nyakanga 2017, Inama y'Abakomiseri yasuzumye Kandidatire zose zakiriwe ishingiye ku ngingo z'amategeko zavuzwe haruguru.

Tariki ya 27 Kamena 2017 Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatangaje by'agateganyo Abakandida bujuje ibisabwa aribo:

- Bwana HABINEZA Frank;
- Nyakubahwa KAGAME Paul.

Tariki ya 07 Nyakanga 2017, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatangaje ku buryo bwa burundu abemerewe kwiyamamaza ku mwanya wa Perezida wa Repubulika aribo:

- Nyakubahwa HABINEZA Frank;
- Nyakubahwa MPAYIMANA Philippe;
- Nyakubahwa KAGAME Paul.

Mu gutangaza ibyavuye mu isuzuma rya kandidatire, ku buryo bw'agateganyo n'ubwa burundu hifashijwe itangazamakuru n'urubuga (Website) rwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.



***Komisiyo ubwo yakiraga dosiye z'Abakandida bemejwe***

## 2.12. Gukurikirina igikorwa cyo kwiyamamaza kw'Abakandida

Ibikorwa byo kwamamaza no kwiyamamaza kw'Abakandida byakozwe kuva tariki ya 14 Nyakanga kugeza ku ya 03 Kanama 2017. Abakandida biyamamarije mu Gihugu hose no muri za Ambasade z'u Rwanda mu mahanga hakoreshejwe uburyo butandukanye burimo n'ikoranabuganga nk'uko biteganywa n'Amategeko n'Amabwiriza.



*Ukwiyamamaza kw'Abakandida ku mwanya w'Umukuru w'Igihugu*

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yasinyanye amasezerano y'imikorere n'imikoranire hagati yayo n'Ikigo cy'Igihugu cy'Itangazamakuru (RBA) ku birebana no guha umwanya ungana mu bitangazamakuru bya Leta Abakandida bemerewe kwiyamamaza.

Komisiyo yagiranye kandi amasezerano na Rwanda Media Commission (RMC) kugira ngo ikurikirane ishyirwa mu bikorwa ry'Itegeko ritanga uburenganzira bungana ku bakandida, bwo kwiyamamariza mu bitangazamakuru bya Leta (equal access to public media). Nk'uko bigaragazwa na raporo ya RM, Abakandida bose bahawe muri rusange

amahirwe angana mu kwiyamamaza hakoreshejwe ibitangazamakuru bya Leta.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakurikiranye, umunsi ku wundi, igikorwa cyo kwiyamamaza no kwamamaza. Icyo gikorwa muri rusange cyagenze neza kuko cyakozwe mu ituze, mu bwisanzure n'umutekano hubahirizwa amategeko n'amabwiriza agenga amatora ya Perezida mu 2017.

## 2.13. Kugena, kumenyekanisha no gutegura ahatorewe

Nk'uko biteganywa n'Itegeko n'Amabwiriza bigenga amatora, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagennye kandi yemeza Ibiro by'tora 2,343, n'Ibyumba by'itora 16,691 mu gihugu. Naho mu mahanga hemejwe Ibiro by'itora 98 n'Ibyumba 111. Mu Rwanda no mu mahanga Ibiro by'itora byatoreweho bingana na 2,441 hamwe n'ibyumba by'Itora 16,802 (Imbonerahamwe ya 13).

Mu gihugu no mu mahanga Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yamenyekanishije kandi itegura ahatorewe ku bufatanye n'Inzego z'Ibanze na za Ambassade z'u Rwanda mu Mahanga. Imbonerahamwe ya 13 ikurikira igaragaza umubare w'ibiro n'ibyumba by'itora byakoreshejwe muri buri Ntara/ Umujyi wa Kigali no muri Diaspora.
Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 13, Intara y'Iburengerazuba niho hari Ibiro by'itora byinshi (584) bitewe n'imiterere y'Intara irangwa n'imisozi miremire. Intara y'Iburasirazuba yo irusha izindi umubare w'Ibyumba by'itora (4,184), kubera umubare mwinshi w'abatora.

### Imbonerahamwe ya 13: Imibare y'Ibiro by'itora n' Ibyumba byakoreshejwe

| INTARA/ UMUJYI WA KIGALI na DIASPORA | IMIRENGE | UTUGARI | IMIDUGUDU | IBIRO N'IBYUMBA BY'ITORA | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | | IBIRO (SITE) | IBYUMBA |
| Amajyaruguru | 89 | 414 | 2744 | 443 | 2910 |
| Amajyepfo | 101 | 532 | 3501 | 564 | 3933 |
| Iburasirazuba | 95 | 503 | 3792 | 577 | 4184 |
| Iburengerazuba | 96 | 538 | 3623 | 584 | 3859 |
| Umujyi wa Kigali | 35 | 161 | 1163 | 175 | 1805 |
| Mu Rwanda | | | | 2,343 | 16,691 |
| Diaspora | | | | 98 | 111 |
| BYOSE HAMWE | 416 | 2,148 | 14,823 | 2,441 | 16,802 |



*Ibiro by'Itora mu Rwanda (muri Muhanga)*




*Ibiro by'Itora muri Diaspora (Libreville, muri Gabon)*

## 2.14. Kugeza ibikoresho by'amatora ahatorewe

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagejeje ibikoresho ahatorewe hose mbere y'Umunsi w'Itora ku bufatanye n'Inzego za Leta n'iz'Abikorera. Kugira ngo ibyo bishoboke, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakodesheje imodoka 600 zifashishijwe mu kugeza ibikoresho by'amatora ahatorerwa no kubigarura mu bubiko bwabyo nyuma y'amatora. Izo modoka zakoreshejwe kandi mu gukurikirana ibikorwa by'amatora hirya no hino mu gihugu. Imbonerahamwe ya 14 igarazagaza umubare w'imodoka zakoreshejwe muri buri Ntara no mu Turere mu kugeza ibikoresho ahatorewe no kubigarura mu bubiko.

# Imbonerahamwe ya 14: Umubare w'imodoka zakoreshejwe

| INTARA/UMUJYI WA KIGALI | UMUBARE W'IMODOKA MU NTARA | UTURERE | UMUBARE W'IMODOKA MU TURERE | IMODOKA KU NTARA/ UMUJYI WA KIGALI |
|---|---|---|---|---|
| AMAJYARUGURU | 2 | | 116 | 118 |
| | | MUSANZE | 19 | |
| | | BURERA | 22 | |
| | | GAKENKE | 25 | |
| | | RULINDO | 22 | |
| | | GICUMBI | 28 | |
| AMAJYEPFO | 2 | | 134 | 136 |
| | | HUYE | 18 | |
| | | GISAGARA | 17 | |
| | | RUHANGO | 12 | |
| | | MUHANGA | 16 | |
| | | KAMONYI | 14 | |
| | | NYARUGURU | 18 | |
| | | NYAMAGABE | 24 | |
| | | NYANZA | 15 | |
| IBURASIRAZUBA | 2 | | 139 | 141 |
| | | NYAGATARE | 20 | |
| | | GATSIBO | 20 | |
| | | KAYONZA | 19 | |
| | | KIREHE | 16 | |
| | | NGOMA | 22 | |
| | | BUGESERA | 22 | |
| | | RWAMAGANA | 20 | |
| IBURENGERAZUBA | 2 | | 135 | 137 |
| | | RUSIZI | 26 | |
| | | NYAMASHEKE | 20 | |
| | | RUTSIRO | 17 | |
| | | RUBAVU | 16 | |
| | | NGORORERO | 19 | |
| | | NYABIHU | 18 | |
| | | KARONGI | 19 | |
| UMUJYI WA KIGALI | 2 | | 49 | 51 |
| | | GASABO | 22 | |
| | | NYARUGENGE | 15 | |
| | | | 12 | |
| ICYICARO GIKURU | | - | 17 | 17 |
| IMODOKA ZOSE | 10 | - | - | 600 |
| AMAFARANGA YO GUKODESHA | | | 205,040,704 | |




*Ibikoresho by'amatora bitwarwa ahazatorerwa*

## 3. IMIGENDEKERE Y'AMATORA NYIRIZINA N'IBYAYAVUYEMO

Nk'uko byari biteganijwe muri gahunda y'amatora, ku wa 03-04 Kanama 2017 mu Gihugu no muri Ambasade z'u Rwanda mu mahanga hose amatora ya Perezida wa Repubulika yagenze neza, arangwa n'ubwitabire ku gipimo cya 98.15%, ituze, ubwisanzure n'umutekano bisesuye. Ayo matora yayobowe ku bufatanye bw'Abakomiseri, Abakozi n'Abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kandi hubahirizwa Amategeko n'Amabwiriza agenga amatora.

### 3.1. Gutangiza itora no kuyobora amatora nyirizina

Nk'uko biteganywa n'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, mbere yo gutangira kuyobora amatora, Abakorerabushake barahirira mu ruhame indahiro iteganywa n'Itegeko rigenga amatora, bakagaragaza udusanduka tw'itora ko turimo ubusa bakadufunga imbere y'Abaturage baje gutora ndetse n'Indorerezi. Uwo muhango warakozwe kuri buri biro by'itora imbere y'Abaturage bari bazindutse bitabiriye itora nk'uko iyi foto ibigaragaza.



***Abakorerabushake barahirira kuyobora amatora mu mucyo no mu bwisanzure***

Isaha ya saa moya (07:00) yo gutangiza itora yarubahirijwe hose kuko ibikoresho by'amatora byose byari byaraye biteguwe kandi Biro n'Ibyumba by'itora bikaba byarateguwe mbere. Abaje gutora bakiriwe

neza muri rusange, aboroherezwa gutora mbere y'abandi bafashijwe gutora mbere nk'uko biteganywa n'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agenga amatora ya Perezida wa Repubulika.



***Abatora ku murongo imbere y'Icyumba cy'itora***



***Umutako wa kimwe mu Byuma byatorewemo***

Indorerezi n'abahagarariye Abakandida barakiriwe, bakurikirana uko igikorwa cy'amatora kigenda kugeza gishoje. Bakurikiranye kandi ibikorwa by'ibarura n'ihuzwa ry'amajwi ku nzego byakoreweho.

Guhuza amajwi byakorewe ku biro by'itora, ku rwego rw'Akarere no ku rwego rw'Igihugu. Amajwi yagejejwe ku cyicaro gikuru cya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora aturutse mu Turere hakoreshejwe Ikoranabuhanga. Ihuzwa ry'ayo majwi ku rwego rw'Igihugu ryakorewe mu ruhame hakoreshejwe ikoranabuhanga, bitangazwa binyuze kuri Televiziyo n'ama Radiyo.

## 3.2. Ubwitabire mu matora


Amatora ya Perezida wa Repubulika yitabiriwe ku buryo bushimishije ku gipimo cya 98.15%. Ibi bigaragaza ko inyigisho z'Uburere Mboneragihugu zatanze umusaruro ushimishije. Imbonerahamwe ya 15 igaragaza ibipimo by'ubwitabire mu Ntara, mu Mujyi wa Kigali no muri Diaspora.

Muri rusange, ubwitabire bw'amatora bwabaye ku rwego rwo hejuru. Nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 15, ubwitabire mu Ntara zose bwarenze 98%, mu Mujyi wa Kigali buba 96.90%, naho muri Diaspora, ubwitabire bwanganaga na 89.53%.


**Imbonerahamwe ya 15: Ubwitabire mu matora**

| INTARA/VK | ABAG-OMBAGA GUTORA | ABATOYE | | ABATOYE NEZA | | IMPFABUSA | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | Bose | % | Bose | % | Zose | % |
| Amajyaruguru | 1,147,059 | 1,131,084 | 98.61 | 1,129,075 | 99.82 | 2,009 | 0.18 |
| Amajyepfo | 1,625,276 | 1,597,179 | 98.27 | 1,595,232 | 99.88 | 1,947 | 0.12 |
| Iburasirazuba | 1,660,690 | 1,633,953 | 98.39 | 1,631,845 | 99.87 | 2,108 | 0.13 |
| Iburengerazuba | 1,580,392 | 1,554,293 | 98.35 | 1,551,280 | 99.81 | 3,013 | 0.19 |
| Umujyi wa Kigali | 839,297 | 813,286 | 96.90 | 810,065 | 99.60 | 3,221 | 0.40 |
| Diaspora | 44,362 | 39,719 | 89.53 | 39,707 | 99.58 | 12 | 0.03 |
| **Igiteranyo** | **6,897,076** | **6,769,514** | **98.15** | **6,757,204** | **99.82** | **12,310** | **0.18** |

Muri aya matora kandi hagaragaye impfabusa nkeya zingana na 12,310 bivuze 0.18% by'abatoye. N'ubwo izo mpfabusa ari nkeya muri rusange, mu Mujyi wa Kigali niho zabaye nyinshi ku rwego rwa 0.40% naho muri Diaspora zabaye nkeya cyane (0.03%) byerekana imyumvire irushije y'abatoye muri Diaspora. Ibyo kandi byerekana ko Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igomba gukomeza inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora, kugira ngo Abanyarwanda bose barusheho gusobanukirwa uburyo bwo gutora neza.




*Ikigereranyo cy'ubwitabire mu matora, mu Gihugu no muri Diaspora*



### 3.3. Amajwi Abakandida babonye

Nyuma y'ibarura n'ihuzwa ry'amajwi mu Gihugu no muri Diaspora, hagaragaye amajwi Abakandida babonye nk'uko bigaragara mu mbonerahamwe ya 16 ikurikira.
Muri iyi mbonerahamwe ya 16 biragaragara ko Nyakubahwa HABINEZA Frank yagize amajwi 32,701 angana na 0.48%, Nyakubahwa MPAYIMANA Philippe yagize amajwi 49,031 ahwanye na 0.73% naho Nyakubahwa KAGAME Paul agira 6,675,472 ahwanye na 98.79%. Bityo Umukandida watorewe kuba Perezida wa Repubulika y'u Rwanda muri manda ya 2017- 2024 akaba ari uwarushije abandi amajwi nk'uko biteganywa n'amategeko, ariwe Nyakubahwa KAGAME Paul.

**Imbonerahamwe ya 16: Amajwi Abakandida bagize mu Gihugu no mu mahanga**

| INTARA/ UMUJYI WA KIGALI/ DIASPORA | | AMAJWI ABAKANDIDA BABONYE | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | HABINEZA Frank | | MPAYIMANA Philippe | | KAGAME Paul | |
| | | Amajwi | % | Ama-jwi | % | Amajwi | % |
| Diaspora | 39,707 | 1,101 | 2.77 | 655 | 1.65 | 37,951 | 95.58 |
| Amajyaruguru | 1,129,075 | 3,791 | 0.34 | 9,739 | 0.86 | 1,115,545 | 98.80 |
| Amajyepfo | 1,595,232 | 9,843 | 0.62 | 11,187 | 0.70 | 1,574,202 | 98.68 |
| Iburasirazuba | 1,631,845 | 3,374 | 0.21 | 8,044 | 0.49 | 1,620,427 | 99.30 |
| Iburengerazuba | 1,551,280 | 10,451 | 0.67 | 14,658 | 0.94 | 1,526,171 | 98.38 |
| Umujyi wa Kigali | 810,065 | 4,141 | 0.51 | 4,748 | 0.59 | 801,176 | 98.90 |
| **Igiteranyo** | **6,757,204** | **32,701** | **0.48** | **49,031** | **0.73** | **6,675,472** | **98.79** |

## 4. IKIGERERANYO CY'IBIPIMO BY'AMATORA MU 2010 NO MU 2017

Hagereranyijwe ibipimo 9 byatoranyijwe mu biranga amatora, imbonerahamwe ya 17 irerekana ibyahindutse mu matora ya Perezida wa Repubulika yo mu 2010 n'ayo mu 2017.
(1) Abatora banditse ku ilisiti y'itora biyongereyeho 1,718,076

(33.2%) mu gihe cy'imyaka irindwi (7). Ni ukuvuga impuzandengo y'ubwiyongere bw'abatora 245,439 buri mwaka. Ibyo byagize ingaruka z'ubwiyongere bw'ahatorerwa mu matora.

(2) Ibiro by'itora byiyongereyeho 7.9% naho ibyumba byiyongeraho 8.3%. Ibyo byatumye abayobora amatora bariyongereyeho 10,428 (16.1%).

(3) Ku ijanisha muri iyi myaka irindwi abagore bagabanutseho -0.7% ni ukuvuga ko ijanisha ry'abagore ryagabanutseho -1.3% ku ilisiti y'itora.

(4) Abakorerabushake bayobora amatora bavuye kuri 64,638 mu 2010 bagera kuri 75,066, bivuga ko biyongereyeho 10,428, bingana na 16.1%.

(5) Mu ngengo y'imari yakoreshejwe mu matora yo mu mwaka wa 2010 ayatanzwe n'abaterankunga angana 16.7% by'ingengo y'imari yose mu gihe muri 2017 iyo nkunga yagabanutse ikagera ku 9.5%. Ingengo y'imari yakoreshejwe muri 2017 yaragabanutse hagereranyijwe n'iyakoreshejwe mu mwaka wa 2010, kuko yagabanutseho 33.6% mu mafaranga y'u Rwanda igabanukaho 53.8% mu madolari n'ubwo abatora biyongereyeho 33.2%. Bityo ingengo y'imari kuri buri munyarwanda watoye yagabanutseho amafaranga y'amanyarwanda 870 (50.9%) naho mu madolari iyo ngengo y'imari yavuye kuri 2.9$ igera kuri 1.0$ bivuga ko yagabanutseho 65.6%.

Ingengo y'imari ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yagiye igabanuka kubera ko uruhare rw'abaterankunga mu bikorwa by'amatora rwagiye rugabanuka kubera impamvu zinyuranye, rukava kuri 16.7% mu 2010 rukagera kuri 9.5% mu 2017 by'ingengo y'imari yose igabanyuka. Indi mpamvu ni uko n'ingengo y'imari Komisiyo igenerwa na Leta y'u Rwanda nayo yagiye igabanyuka (Imbonerahamwe ya 17), kubera ibikorwa byinshi by'iterambere nabyo bikenera ingengo y'imari kandi bigomba gushyigikirwa.

Kubera igabanuka ry'ingengo y'imari rikomeza, Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yafashe ingamba, kugira ngo amatora akomeze ayoborwe kandi akorwe neza ataremerye Igihugu. Muri urwo rwego habayeho:

- Gukomeza gushyigikira no kunoza uruhare rw'Abakorerabushake mu bikorwa by'amatora n'urw'abandi banyarwanda barimo abakozi ba

Komisiyo, n'ubwo amikoro yagiye agabanuka;

- Gukomeza no kunoza inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora hagamijwe kuzamura urwego rw'imyumvire y'abanyarwanda n'uruhare rwabo mu kwiyubakira Igihugu;
- Kubika no gufata neza ibikoresho byakoze bikongera gukoreshwa mu matora akurikira;
- Gukoresha birushijeho ikoranabuhanga mu kuvugurura ilisiti y'itora no mu gutegura no kuyobora amatora, hagamije kurushaho gukoresha neza ingengo y'imari;
- Gukomeza kongera ubushobozi bw'Abakozi n'Abakorerabushake ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora;
- Kunoza no gushyigikira ubufatanye n'inzego za Leta n'izitegamiye kuri Leta;
- kunoza imikorere y'Inzego n'abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora no kwegereza ibikorwa by'amatora harimo ivugururwa ry'ilisiti y'amatora ku rwego rwa Zone kugira ngo byegerezwe abatora.

Ariko ishyirwa mu bikorwa ry'izi ngamba ntiryagerwaho neza mu gihe cyose ingengo y'imari igenerwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yakomeza kugenda igabanuka.

(6) Umubare wabahuguwe mu Burere Mboneragihugu ku matora hagamijwe ko bazahugura bandi wariyongereye uva ku 771,012 ugera kuri 1,1455,406 ni ukuvuga ubwiyongere ku kigero cya 48.6%. Ibyo byatumye muri rusange umubare wabagezweho n'inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora warageze kuri 95.2% byabagombaga gutora.

(7) Umubare wa kandidatire zakiriwe wavuye kuri 4 ugera kuri 6. Bijyana n'uko abantu bagenda basobanukirwa Demokarasi n'uburenganzira bwabo mu matora, bijyana kandi n'uko habayemo abakandida bigenga badaturuka mu mitwe ya politiki. Naho umubare w'abakandida bemejwe wavuye ku 100% ugera kuri 50% kubera ko habayemo abakandida bigenga batatu (3) batujuje ibisabwa.

(8) Ubwitabire mu matora bwariyongereye muri 2017 ku rwego rw'Igihugu (+0.7%) no muri Diyasipora (+31,8%). Ibi byerekana urwego rw'ubushake n'imyumvire y'abatoye muri aya matora ya

Perezida wa Repubulika ariko n'inyota abanyarwanda bari bafitiye amatora y'Umukuru w'Igihugu. Ibyo bijyana n'uko impfabusa zagabanutseho 84.6% ku rwego rw'Igihugu na 97.0% muri Diyasipora.

(9) Indorerezi z'amatora muri rusange zagabanutseho 3.7%. Indorerezi Nyarwanda zariyongereye ziva ku 1,020 zigera kuri 1,056 ni ukuvuga ko ziyongereyeho 3.5%. Ubwo bwiyongere buterwa no kwiyongera kw'abafatanyabikorwa ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ndetse n'ubushake bw'inzego zitandukanye za Leta n'izitegamiye kuri Leta bwo gukurikirana imiyoborere y'Igihugu binyuze mu matora. Indorerezi Mvamahanga zo zaragabanutse ziva kuri 424 muri 2010 zigera kuri 335 muri 2017 ni ukuvuga ko zagabanutseho 21.0%. Uko kugabanuka kw'Indorerezi mvamahanga gushingiye ahanini ku kuba ubu abaterinkunga ibikorwa by'amatora bo hanze baragabanutse cyane, hakiyongreraho n'uko abafatanyabikorwa bo hanze basigaye barizeye imiyoborere y'Igihugu muri rusange n'iy'amatora by'umwihariko.

| Nº | IBIPIMO | 2010 | 2017 | UBWIYONGERE | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | | Bwose | % |
| 1 | Abanditse ku Ilisiti y'Itora | | | | |
| | Abanditse ku ilisiti bose | 5,178,492 | 6,897,076 | 1,718,584 | 33.2 |
| | Abagore bari ku ilisiti y'itora (%) | 54.7 | 54.0 | -0.7 | -1.3 |
| 2 | Ahatorewe: | | | | |
| | Ibiro by'Itora | 2,263 | 2,441 | 178 | 7.9 |
| | Ibyumba by'Itora | 15,513 | 16,802 | 1,289 | 8.3 |
| 3 | Abakorerabushake bayoboye amatora | | | | |
| | Umubare w'abakorerabushake mu matora | 64,638 | 75,066 | 10,428 | 16.1 |
| | Abagore mu bakorerabushake (%) | Nd | 48.6 | - | - |
| 4 | Ingengo y'Imari | | | | |
| | Ingengo y'imari yose yakoreshejwe (Frw) | 8,854,203,358 | 5,794,277,312 | -2,926,745,673 | -33.6 |
| | Ayatanzwe n'abaterankunga | 16.7 | 9.5 | -7.2 | -43.2 |
| | Ingengo y'imari yose yakoreshejwe (USD) | 15,032,603 | 6,939,254 | -8,093,349 | -53.8 |
| | Ingengo y'imari k'uwatoye umwe (Frw) | 1,710 | 840 | -870 | -50.9 |
| | Ingengo y'imari k'uwatoye umwe (USD) | 2.9 | 1.0 | -2 | -65.6 |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 5 | Abahuguwe | | | | |
| | Abahuguriwe guhugura abandi | 771,012 | 1,145,406 | 374,394 | 48.6 |
| | Abahuguwe (% by'abatora) | Nd | 95.2 | - | - |
| 6 | Kandidatire: | | | | |
| | Kandidatire zakiriwe | 4 | 6 | 2 | 50.0 |
| | Kandidatire zemejwe (%) | 100 | 50 | -50 | -50.0 |
| 7 | Ubwitabire mu matora (%) | | | | |
| | Ku rwego rw'Igihugu (%) | 97.5 | 98.2 | 0.7 | 0.7 |
| | Muri Diaspora (%) | 67.9 | 89.5 | 21.6 | 31.8 |
| 8 | Impfabusa (%) | | | | |
| | Ku rwego rw'Igihugu | 1.3 | 0.2 | -1.1 | -84.6 |
| | Muri Diaspora | 1 | 0.03 | -1.0 | -97.0 |
| 9 | Indorerezi z'amatora: | | | | |
| | Indorerezi zose | 1,444 | 1,391 | -53 | -3.7 |
| | Abagore mu Ndorerezi zose (%) | Nd | 36.8 | | |
| | Indorerezi Nyarwanda | 1,020 | 1,056 | 36 | 3.5 |
| | Abagore mu Ndorerezi Nyarwanda (%) | Nd | 38.0 | | |
| | Indorerezi z'abanyamahanga | 424 | 335 | -89 | -21.0 |
| | Abagore mu Ndorerezi Mvamahanga (%) | Nd | 32.2 | | |

*Nd: Nta mubare uzwi.*

## 5. IBYARANZE AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBULIKA

### 5.1. Ibyiza byaranze amatora

Amatora ya Perezida wa Repubulika yagenze neza, agaragaramo ibyiza byinshi byatumye ashimwa muri rusange. Mu byiza byayagaragayemo, iby'ingenzi ni ibi bikurikira.

#### 5.1.1. Mu myiteguro y'amatora

1) Amatora yubahirije gahunda y'amatora yemejwe n'Inama y'Abaminisitiri. Ibyo byagezweho ku bufatanye bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora n'Inzego za Leta, iz'Abikorera ndetse n'abandi bafatanyabikorwa;

2) Ibikorwa by'amatora byakozwe uko byari biteganyijwe cyane cyane kubera ko ingengo y'imari Komisiyo yagenewe na Leta yagiye ibonekera ku gihe;
3) Ibikoresho by'amatora byagejejwe ahatorewe hose umunsi umwe mbere y'amatora;
4) Inyigisho z'Uburere Mboneragihugu ku matora zagejejwe ku banyarwanda benshi muri rusange by'umwihariko abemerewe gutora kandi abanyarwanda barazitabira ku rwego rwa 95.2% by'abagombaga gutora;
5) Muri rusange, mu gihe cyo kwiyamamaza Abakandida bitwaye neza bubahiriza Amategeko n'Amabwiriza agenga amatora, kandi haba n'ibiganiro mpaka ku nshuro ya mbere hagati y'abakandida cyangwa ababahagarariye binyuze kuri radiyo na televisiyo y'Igihugu, hakoreshwa n'ikoranabuhanga mu gikorwa cyo kwiyamamaza. Abaturage nabo bitabiriye ibikorwa byo kwamamaza no kwiyamamaza kw'abakandida ari benshi, mu ituze, mu bwisanzure, mu bworoherane n'umutekano bisesuye;
6) Ahatorerewe hose hateguwe neza ku bufatanye bwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Abaturage n'Abayobozi b'Inzego z'Ibanze bituma amatora amera nk'ibirori;
7) Abanyarwanda boroherejwe kwireba no kwiyimura ku ilisiti y'itora hakoreshejwe ikoranabuhanga. Abari mu mahanga by'umwihariko boroherejwe kwiyandikisha ku ilisiti ndetse hafatwa n'ingamba zizaborohoreza gutora.

### 5.1.2. Mu matora nyirizina

1) Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yashyizeho uburyo butandukanye bwo gutora harimo n'ubwa "braille" bifasha abafite ubumuga bwo kutabona kwitorera ubwabo kandi mu ibanga;
2) Abayoboye amatora baranzwe n'ubwitange, umurava, imyitwarire myiza n'ubunararibonye mu miyoborere y'amatora, bubahiriza Amategeko n'Amabwiriza bigenga itora;
3) Amatora ya Perezida wa Repubulika yitabiriwe n'Indorerezi nyinshi, zirimo iz'abanyarwanda n'indororezi mvamahanga;
4) Mu gihugu no mu mahanga amatora yaranzwe n'ubwitabire

bushimishije ku kigero cya 98.15%, umutekano n'ituze bisesuye kandi akorwa mu mucyo.

### 5.1.3. Nyuma y'amatora

1) Ibyavuye mu matora ya Perezida wa Repubulika byatangajwe ku gihe kandi byakirwa neza mu Gihugu no mu Mahanga harimo n'Abakandida batatsinze amatora;
2) Indorerezi z'amatora muri rusange zishimiye ibyavuye mu matora, nk'uko bigaragazwa na raporo z'ibanze zashyikirijwe Komisiyo y'Igihugu y'Amatora.
3) Nyuma y'amatora, abayoboye amatora bagaruye ibikoresho by'amatora mu bubiko hagamijwe kuzabikoresha mu matora ataha.

## 5.2. Imbogamizi zagaragaye mu matora

Nk'uko byagaragaye, Amatora ya Perezida wa Repubulika yagenze neza ku buryo bushimishije, haba mu myiteguro, mu matora nyirizina na nyuma y'amatora ariko hagaragayemo n'imbogamizi. Muri izo mbogamizi twavuga izikurikira.
1) Bamwe mu banyarwanda, harimo cyane cyane Urubyiruko, ntibitabiriye igikorwa cyo kuvugurura ilisiti y'itora nyuma bakifuza gutorera aho batanditse;
2) Imyumvire n'imikorere itari inoze ya bamwe mu Bakorerabushake b'amatora;
3) Ingengo y'imari igenerwa gutegura no kuyobora amatora igenda igabanuka bigatuma ibikorwa bimwe bitagerwaho nk'uko byateganyijwe cyane cyane ibirebana n'Uburere Mboneragihugu ndetse no kugeza ku Bakorerabushake amabwiriza n'izindi nyandiko zerekeye amatora ku gihe;
4) Insimburamubyizi z'Abakorerabushake b'amatora itarashoboye kubagezwaho ku gihe kubera ko uburyo bwo kuyibagezaho binyuze muri Mobile Money bwari bushya butaranozwa.

## 6. INGAMBA ZANOZA AMATORA ARI IMBERE

Mu rwego gukomeza kunoza imitegurire n'imiyoborere y'amatora, hakwiye kongera imbaraga mu gushyira mu bikorwa ingamba zikurikira:

1) Gukomeza gukangurira abarezi n'urubyiruko cyane cyane ururi mu mashuri, amatora n'akamaro kayo;

2) Kurushaho guhugura Abakorerabushake bakurikirana ibikorwa byo kuvugururura ilisiti y'itora no kuyobora amatora ku nzego zose;

3) Kurushaho kunoza ivugururwa ry'ilisiti y'itora hongererwa ubushobozi abakozi ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ku rwego rwa Zone na za Ambasade, kugira ngo igikorwa cyegerezwe abatora;

4) Kunoza uburyo bwo kugeza insimburamubyizi ku Bakorerabushake b'Amatora hakoreshejwe ikoranabuhanga binyuze mu buryo bwa Mobile Money;

5) Gutegura, gutubura no kugeza Amategeko n'Amabwiriza n'izindi nyandiko zireba amatora ku Bafatanyabikorwa n'Abakorerabushake b'amatora ku gihe;

6) Kongera no kubonera ku gihe ingengo y'imari igenerwa ibikorwa byo gutegura no kuyobora amatora kugira ngo Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishobore kugera ku nshingano zayo.

## 7. UMUSOZO

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yishimiye ko imitegurire n'imiyoborere y'amatora ya Perezida wa Repubulika yagenze neza mu gihugu no mu mahanga. Ibyo byagezweho ku bufatanye bw'Abanyarwanda n'abandi bafatanyakorwa kuko abaturage bagize uruhare mu kwitabira ibikorwa by'amatora. Abakandida biyamamaje ku mwanya wa Perezida wa Repubulika, muri rusange bitwaye neza mu gihe cyo kwiyamamaza.

Amatora nyirizina yayobowe neza, akorwa mu mucyo, mu mutekano no mu bwisanzure kandi ibyayavuyemo byakiriwe neza n'Abanyarwanda ndetse n'Abakandida. Muri rusange, imigendekere y'amatora n'uburyo ibyayavuyemo byakiriwe bigaragaza urwego rushimishije Abanyarwanda bamaze kugeraho muri Demokarasi n'imiyoborere myiza bakwiye gukomeza guteza imbere.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora irashimira Abanyarwanda ku ruhare n'ubwitange bagaragaje muri aya matora ya Perezida wa Repubulika y'u Rwanda. Irashimira kandi Inzego za Leta zitandukanye, iz'Abikorera n'Imiryango itegamiye kuri Leta byagize uruhare mu migendekere myiza y'aya matora.

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora kandi irasaba abanyarwanda gukomera ku muco wo kugira uruhare mu kwiyubakira Igihugu binyuze muri Demokarasi n'imiyoborere myiza.

◆◆◆◆◆◆◆◆◆◆◆◆◆◆◆◆
◆◆◆◆◆◆◆◆
◆◆◆◆


NATIONAL ELECTORAL COMMISSION